REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL YOUTH COUNCIL

GUTERA INKUNGA IMISHINGA NYONGERAMUSARURO Y'URUBYIRUKO 2012/2013

1. IRIBURIRO

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (CNJ), ikurikije amategeko ngenga yayo, igamije kuzahura ibikorwa nyongera musaruro by'urubyiruko, iramenyesha urubyiruko rufite imishinga myiza ko hari inkunga yabateganirijwe.

2. IMISHINGA ITERWA INKUNGA

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ishishikajwe no kurwanya ubukene mu rubyiruko, irufasha kwiteza imbere , gukorera hamwe no kwihangira imirimo. Iyi nkunga ihabwa imishinga nyongeramusaruro, imishinga mpinduramatwara mu buhinzi no mu bworozi, imishinga y'ikoranabuhanga, imishinga igamije iterambere ry'icyaro,…

3. IBIGOMBA KUZUZWA

- Kuba ari koperative ;
- Kugaragaza inyandiko zose zirebana n'umushinga;
- Kugaragaza uruhare rwa Nyir'umushinga (nibura 30% by'inkunga isabwa);
- Kuba umushinga ufite uruhare rugaragara mu iterambere, mu gutanga akazi ; gukorana n'ibigo by'imari;
- Kuba Nyir'umushinga agaragaza ibyangombwa bitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;

4. IGIHE NTARENGWA CYO GUSABA INKUNGA

Imishinga nyongera musaruro isaba inkunga igomba kuba yagejejwe mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko bitarenze taliki ya **07 Ukuboza 2012. Nyuma y'icyo gihe nta mishinga yo muri iki cyiciro izakirwa.**

5. KWIGA IMISHINGA

Itsinda rishinzwe kwiga imishinga isaba inkunga riraterana rigasuzuma, umushinga ku mushinga ,rigafatira n'icyemezo umushinga usaba inkunga. Umushinga uterwa inkunga ni uba wujuje ibisabwa byose kandi ugaragaza impungenge nkeya mu ishyirwa mu bikorwa ryawo. Iyi mirimo ikazakorwa kuva taliki ya **17 Ukuboza Kugeza 21 Ukuboza 2012. Iyo bibaye ngombwa iri tsinda ribanza gusura ben'umushinga kugirango haboneke amakuru ahagije.**

6. GUSUBIZA BA NYIR'UMUSHINGA

Imishinga yose yagejejwe mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko irasuzumwa kandi ben'umushinga bagasubizwa. Iyi mirimo ikazakorwa **kuva 24 Ukuboza Kugeza 28 Ukuboza 2012**.

7. GUSHYIRA MU BIKORWA UMUSHINGA

Imishinga yatewe inkunga ishyirwa mu bikorwa hakurikijwe amasezerano agena inshingano, imikorere n'imikoreshereze by'inkunga Nyir'umushinga agirana n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko.

8. INGINGO ZISOZA

Inama y'Igihugu y'urubyiruko irakangurira urubyiruko ruri mu makoperative kwitabira iyi gahunda no kubahiriza ingengabihe yavuzwe haruguru.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17 Ukwakira 2012.

NKURANGA Alphonse

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko.